IRIBURIRO

Akarere ka Nyamagabe ni kamwe mu Turere 8 tugize Intara y'Amajyepfo; kagizwe n'Imrenge 17, Utugali 92 n'Imidugudu 536. Akarere gatuwe n'abaturage 337420 mu ngo 69333 ku buso bwa Km^2 1009.

ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2011-2012

Muri uyu mwaka wa 2011-2012, mu mihigo y'Akarere ka NYAMAGABE, ibikorwa bizibandwaho bishingiye ku bipimo bifatika byavuye ku byifuzo by'abaturage bikubiye mu mihigo yateguwe n'Imidugudu, Utugari n'Imirenge.

Ibi bikorwa bishingiye kandi kuri gahunda ya Guverinoma, ku byerekezo bigari by'igihugu: Icyerekezo 2020, Intego z'ikinyagihumbi, Gahunda y'ubukungu no kurwanya ubukene na gahunda y'amajyambere y'Akarere .

Iyi mihigo yiganjemo ibikorwa bigamije guteza imbere icyaro bizamura ubukungu n'imibereho y'abatuye icyaro, igaragaramo kandi ibikorwa bigamije guteza imbere umujyi wa Nyamagabe, kuwurimbisha no kuwuha isura nziza.

Mu bijyanye no guteza imbere ubukungu, hateganyijwe kongera ibikorwa remezo birimo Inyubako z'inganda, imihanda no kugeza amazi meza ku baturage. Mu buhinzi n'ubworozi, hazitabwa ku kongera umusaruro w'ibihingwa biberanye n'Akarere kandi ku buso bushyizwe hamwe no kuwutunganya, kwita ku bworozi hongerwa umubare w'amatungo, kurwanya indwara z'ibyorezo ndetse no kuvugurura ubworozi haterwa intanga.

Mu kurengera ibidukikije hazategurwa pepiniyeri z'ibiti by'ishyamba n'ibivangwa n'imyaka. Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa hazubakwa amagurishirizo y'ibikomoka ku biti hagamijwe kwirinda akajagari n'isesagura mu ikoreshwa ryabyo.
Akarere kandi kazakomeza gahunda yo kwandika ubutaka no gutuza abaturage bako mu midugudu.

Mu bijyanye n'imibereho myiza, Akarere kazihatira kuzamura ubwisungane mu kwivuza, gushishikariza ababyeyi kuboneza urubyaro, kwipimisha no kubyarira kwa muganga ndetse no kongera umubare w'ibigo nderabuzima no kubishakira ibikoresho.

Mu bijyanye n'uburezi , Akarere kazongera umubare w'ibyumba by'amashuri hagamijwe gushimangira uburezi bw'ibanze bw'imyaka cumi n'ibiri n'ireme ry'uburezi.

Mu bijyanye no kwimakaza imiyoborere myiza, Akarere kazibanda ku bikorwa bishimangira umutekano, gukemura ibibazo by'abaturage binyuze mu nteko z'abaturage.

Mu bijyanye no gufasha abatishoboye hateganyijwe kubatera inkunga biciye mu mishinga ituma ubukungu bwabo bwiyongera biciye cyane cyane muri gahunda ya VUP, muri gahunda zo kubitsa no kuguza.

Mu rwego rwo gushimangira ubutabera, Akarere kazibanda ku kurangiza imanza zaciwe, gukurikirana inteko z'abunzi no kuzunganira, kazibanda ku gutegura ingando za TIG kugirango abakatiwe icyo gihano bakirangize.

IBIKORWA BIKUBIYE MU MIHIGO Y'AKARERE KA NYAMAGABE 2011-2012

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	I.UBUKUNGU							**3,364,835,422**	
	I.1. GUTEZA IMBERE ICYARO								
	I.1.1.Ubuhinzi								
1	Guteza imbere Ubuhinzi bwa kawa	Ubuso bwagenwe guhingwaho kawa mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Kawa: 468,3 ha	Kawa:150 ha	UKWAKIRA 2011-MATA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	1,000,000	MINAGRI
2	Guteza imbere Ubuhinzi bw'Icyayi	Ubuso bwagenwe guhingwaho icyayi mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Icyayi: 591ha	Icyayi:200ha	UKWAKIRA 2011-MATA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	1,000,000	MINAGRI
3	Guteza imbere Ubuhinzi bw'Imyumbati	Ubuso bwagenwe guhingwaho imyumbati mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Imyumbati: 2720Ha	Imyumbati:3 371ha	NZERI 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	2,000,000	MINAGRI

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
4	Guteza imbere Ubuhinzi bw'Ingano	Ubuso bwagenwe guhingwaho ingano mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Ingano: 4278 ha	Ingano:7600 ha	MUTARAMA - KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	1,500,000	MINAGRI
5	Guteza imbere Ubuhinzi bw'Ibirayi	Ubuso bwagenwe guhingwaho ibirayi mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Ibirayi:6517ha	Ibirayi:14500 ha: 5000 Ha Season A na 9500 Ha muri Season B	NZERI 2011-UGUSHYINGO 2011	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	1,500,000	MINAGRI
6	Guteza imbere ubuhinzi bw'ibigori	Ubuso bwagenwe guhingwaho ibigori mu karere muri uyu mwaka burahinze	ubuso buhinze muri ha	Ibigori:4573,5ha	Ibigori:5000ha	NZERI 2011-UGUSHYINGO 2011	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	1,200,000	MINAGRI
	I.1.2.Ubworozi								
7	Guteza imbere ubworozi	Kongera imiryango yorojwe muri gahunda ya girinka	umubare w' imiryango yorojwe inka	Hatanzwe inka 7584 kuva muri 2006 kugeza Gicurasi 2011	Imiryango mishya 1500 izorozwa inka	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	750,000,000	MINAGRI/ RALDA,DISTRICT, WORLD VISION, KWITURA, ETC

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
8	Kubaka ikusanyirizo ry'amata	Ikusanyirizo ry'amata rizaba ryubatse	ikusanyirizo ry'amata ryubatse mu murenge wa CYANIKA	Abaturage bibumbiye muri Koperative KOKUCYANYA, hari kandi 39.100.000 RWF	Hazubakwa ikusanyirizo 1	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO+GUSURA IGIKORWA	70,000,000	KOKUCYANYA, BRD, PAPSTA
	I.1.3.Kurengera Ibidukikije								
9	Gufata neza ubutaka hakorwa amaterasi y'indinganire	Ubutaka burwanijeho isuri hakoreshejwe amaterasi y'indinganire bwiyongereye	ubuso bw'ahakoze amaterasi y'indinganire	Ha 10898,49	Hazakorwa amaterasi y' indinganire kuri Ha 200	NZERI 2011-KAMENA 2012	RAPORO	46,182,380	MINAGRI
10	Kongera ubuso buteweho amashyamba	ubuso buteweho ibiti bwiyongereye	umubare w' ingemwe zatewe n'uwizateguwe	Hatewe ibiti 3.404.029	Gutera ingemwe 2.300.000 no gutegura izindi 1.832.000	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	35,422,935	RLDSF-NAFA
11	Gupima no kwandika ubutaka	Ubutaka bupimye kandi bwanditswe	Umubare w'Imirenge yarangije igikorwa	Imirenge 8, indi 3 yaratangiye	Gupima no kwandika ubutaka mu mirenge 9	Nyakanga-Kamena 2012	raporo	1,500,000	Own Rev.
12	Kunoza imikoreshereze y'ibikomoka ku biti	Comptoire de vente z'ibikomoka ku biti 4 zizaba zubatswe	Umubare wa Comptoire de vente zubatswe	0	Kubaka Comptoire de vente z'ibikomoka ku biti 4	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO+ GUSURA IGIKORWA	10,000,000	CARE INTERNATIONAL

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	I.1.4.Inganda								
13	Kubaka uruganda rw'icyayi	Uruganda rutunganya umusaruro w'icyayi ruzaba rwubatswe mu murenge wa BURUHUKIRO	Umubare w'inganda z'icyayi zubatswe	Hari uruganda rumwe rutunganya umusaruro w'icyayi rwa KITABI	Kurangiza imirimo yo kubaka uruganda rw'icyayi rwa BURUHUKIRO	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	1,500,000,000	MIG Ltd
14	Kubaka uruganda ruto rutunganya umusaruro	Uruganda ruto(Small processing Unit) rutunganya umusaruro w'ibigori ruzaba rwubatswe mu murenge wa BURUHUKIRO	Umubare w'inganda zitunganya ibigori zubatswe	0	Kubaka uruganda ruto rutunganya ibigori	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	20,000,000	RDB, ABATURAGE
	I.1.5.Amakoperative								
15	Guteza imbere amakoperative	SACCOs z'Imirenge zitabiriwe, zifite ibyangombwa byo gutanga inguzanyo kandi zirakora neza	umubare w'abanyamuryango bashya binjiye mu murenge SACCO's	SACCOs z'Imirenge zose zifite abanyamuryango 42035 SACCOs 10/17 zifite ibyangombwa byo gutanga inguzanyo	Abanyamuryango 21440 bashya bazitabira UMURENGE SACCO. SACCOs zose 17/17 zizaba zifite ibyangombwa byo gutanga inguzanyo	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	106,263,151	RCA

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	I.1.6.Ishoramari n'Ubucuruzi								
16	Kubaka isoko ry'amatungo	Isoko ry'amatungo 1 rizaba ryubatse	Umubare w'amasoko y'amatungo yubatse kandi akora	0	Kubaka Isoko ry'amatungo rya RYARUBONDO	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	20,000,000	APEL
17	Gufasha abahinzi kugeza umusaruro wabo ku isoko	aho abahinzi bagurishiriza umusaruro hashyizweho	umubare w' ahantu hashyizweho abahinzi bagurishiriza umusaruro	hari comptoire de vente 1 icururizwamo icyayi	Hazashyirwaho comptoire de vente 6 zizafasha abaturage kugurisha umusaruro wabo	NYAKANGA 2011-KAMENE 2012	RAPORO+GUSURA IBIKORWA	1,000,000	MINAGRI
	I.1.7. Ubukerarugendo								
18	Guteza imbere ubukerarugendo	Inyubako zizaba zubatswe kuri site y'ubukerarugendo yatunganijwe	Inyubako z' ubukerarugendo bushingiye ku muco zubatswe mu murenge wa KITABI	Site y'ubukerarugendo yaratunganijwe	Kubaka inyubako kuri site y'ubukerarugendo yatunganijwe mu murenge wa KITABI	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	10,000,000	RDB,FRIENDS OF NYUNGWE COOPERATIVE

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	I.1.8.Imiturire								
19	Kunoza imiturire no gukoresha neza ubutaka	Umubare w'abaturage batuye mu midugudu wiyongereye batuye mu midugudu	ijanisha ry'ingo zituye mu mudugudu	29379/69333 (42.37%)	60% by'ingo zizaba zituye mu mudugudu	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,390,000	OWN REV.
	I.1.9.Ibikorwaremezo								
20	Kwegereza abaturage amazi meza	Umuyoboro w'amazi meza ureshya na Km 35 mu murenge wa NKOMANE uzaba wubatswe	Umuyoboro wa: Mutengeri-Nyarwungo (35Km)mu murenge wa NKOMANE wubatswe	inyigo yarakozwe	Hazubakwa umuyoboro w'amazi ureshya na km 35	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	450,000,000	EWSA
	I.2 GUTEZA IMBERE IMIJYI								
21	Guteza imbere umujyi wa Nyamagabe	Umuhanda w'amabuye wa km 1,5 uzaba wubatswe mu mujyi wa NYAMAGABE	Umuhanda w'amabuye wubatswe	Hamaze kubakwa imihanda y'amabuye ireshya na Km 8	Hazakorwa Umuhanda w'amabuye ureshya na Km 1,5 .	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	282,176,956	RLDSF

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
22	Gucanira umujyi wa Nyamagabe	Amatara rusange acanira umujyi wa NYAMAGABE azaba yashyizweho	Umujyi wa NYAMAGABE ufite amatara amurika ku mihanda	Amatara arahari ariko ntiyaka neza kandi ntajyanye n'igihe	Gushyiraho amatara rusange mu mujyi wa Nyamagabe (ku burebure bwa Km 5)	UKWAKIRA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	40,000,000	RLDSF
	I.3 IKORANABUHANGA								
23	Gukangurira abakozi gukoresha imbuga mpuzambaga(social media)	Guhugura ku mikoreshereze y'imbuga mpuzambaga(social media) Facebook na TWITTER	umubare w'abahuguwe	0	abakozi 500 bahuguwe	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,000,000	MIFOTRA
24	Gutangaza amakuru agezweho hifashishijwe website y'Akarere	Gutangaza amakuru agezweho y'Akarere	Website y'akarere ikora neza	Website y'Akarere irubatse	Amakuru agaragaza ishusho y'Akarere kandi agezweho ari kuri website y'akarere	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo	1,200,000	DISTRICT STAFF, PARTNERS
25	Kwegereza abaturage ikoranabuhanga	Gukwirakwiza ICT hashyirwaho Telecentre mu ducentre	Umubare wa telecentre zashyizweho	telecentre 3	Gushyiraho telecentre 3	UKWAKIRA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	6,500,000	DISTRICT

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	II.IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE						1,988,159,631		
	II.1.UBUZIMA								
	2.1.1.Ubwishingizi bw'ubuvuzi								
26	Kongera umubare w'abaturage bafite ubwishingizi bwo kwivuza	umubare w'abaturage bafite ubwishingizi(assurance maladie) bwo kwivuza wazamuwe	ijanisha ry'abaturage bafite ubwishingizi bwo kwivuza	83,57%(muri 2010-2011)	Abaturage bose bazaba bafite ubwishingizi mu kwivuza (100%)	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	5,000,000	MINISANTE
	2.1.2.Kuboneza Urubyaro								
27	Kongera umubare w'abaturage bari muri gahunda yo kuboneza urubyaro	Umubare w'ababoneza urubyaro hakurikijwe uburyo bwo kwa muganga wiyongereye	umubare w'abari muri gahunda yo kuboneza urubyaro	Abagore 30834 kuri 55092=56%	60% by'ababyeyi bazaba bari muri gahunda yo kuboneza urubyaro hakoreshejwe uburyo bwo kwa muganga	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	5,000,000	MINISANTE
	2.1.3.Kwita ku buzima bw'abana n'ababyeyi								
28	Kugabanya impfu z'abana bapfa bavuka n'impfu z'ababyeyi bapfa babyara	Umubare w'abagore babyarira kwa muganga wazamutse	ijanisha ry'abagore babyariye kwa muganga	96%(muri 2010-2011)	100% by'abagore bazabyarira kwa Muganga	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,000,000	MINISANTE

NO	**INTEGO (OBJECTIVE)**	**IKIGAMIJWE (OUTPUT)**	**IGIPIMO (INDICATOR)**	**INTANGIRIRO (BASELINE)**	**UMUHIGO (TARGET)**	**INGENGABIHE (TIME FRAME)**	**UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)**	**INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)**	**AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)**
29	Kugabanya impfu z'abana bapfa bari munsi y'imyaka itanu	Abana bose bakingiwe inkingo zose	ijanisha ry'abana bagejeje igihe bakingiwe inkingo zose	95,6% (muri 2010-2011)	100% by'abana bagejeje igihe bazakingirwa inkingo zose	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,000,000	MINISANTE
	2.1.4.Kwegereza abaturage serivise z'ubuzima								
30	Kwegereza abaturage serivise z'ubuzima	Ikigo nderabuzima cya KIBILIZI cyubatse	Ikigo nderabuzima cya KIBILIZI cyuzuye	Mu mirenge 17 igize Akarere, imirenge 15 niyo ifite Ibigo nderabuzima	Hazubakwa Ikigo nderabuzima cya KIBILIZI	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO+ GUSURA IGIKORWA	200,000,000	PAGOR, WORLD VISION,…..
	2.1.5.Kurwanya imirire mibi mu bana								
31	Kuboneza imirire ku bana bato	Indwara ziterwa n'imirire mibi zarwanyijwe	Umubare w'abana bakamiwe	0	Hazakamirwa abana 1500	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	28,800,000	ABATURAGE
	II.2 UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO								
	2.2.1.Kwita ku ihame ry'uburinganire mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'Imari								
32	Guhugura abagize Inama Njyanama y'Akarere n'iz'Imirenge kw'igenamigambi rishingiye ku buringanire(gender budgeting)	Abagize Inama Njyanama y'Akarere n'Imirenge bahuguwe kuri gender budgeting	Umubare w'Abahuguwe	biro y'Inama Njyanama y'Akarere yarahuguwe	Guhugura abajyanama 31 ku Karere na 51 bagize biro z'Inama Njyanama z'Imirenge	UKUBOZA 2011	RAPORO	9,000,000	PAGOR

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	2.2.2 Guteza imbere ibikorwa by'urubyiruko								
33	Gutera inkunga Koperative z'urubyiruko	Koperative z'urubyiruko zizaterwa inkunga	umubare wa Koperative zatewe inkunga	Koperative 6 zatewe inkunga muri 2010-2011	Gutera inkunga Koperative 4 z'urubyiruko	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	13,884,403	MIJESPOC
	II.3.UBUREZI								
	2.3.1.Guteza imbere uburezi								
34	Guteza imbere uburezi	Umubare w'ibyumba by'amashuri n'ubwiherero byiyongereye kandi n'ireme ry'uburezi ryatejwe imbere	Umubare w'ibyumba by'amashuri n'ubwiherero bizaba byuzuye	Muri Gahunda ya 9/12 YBE hamaze kubakwa ibyumba by'amashuri364 n'ubwiherero 433	Kubaka ibyumba by'amashuri 102 n'ubwiherero 204	NYAKANGA 2011-MUTARAMA 2012	RAPORO + GUSURA INYUBAKO	714,000,000	MINEDUC
	2.3.2 Gufasha abarimu n'abanyeshuri kubona urumuri rukomoka ku mirasire y'izuba								
35	Gufasha abarimu n'abanyeshuri gutegura no gusubiramo amasomo	Amatara 2000 yatanzwe(itara 1 ku muryango)	umubare w'amatara azatangwa	amatara 1000	hazatanwa amatara 2000	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO NO GUSURA IGIKORWA	8,400,000	WORLD VISION

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	2.3.3 Kwigisha abakuze kubara,gusoma no kwandika								
36	Kwigisha abakuze kubara, gusoma no kwandika	kongera umubare w'abazi gusoma, kubara no kwandika	umubare w'abakuze bigishijwe kubara, gusoma no kwandika	13018	abakuze 7727 bazigishwa kubara, gusoma no kwandika	Nyakanga 2011-Kamena 2012	Raporo	6,500,000	MINEDUC, OWN REV.
	2.3.4.Guteza imbere amashuri yigisha imyuga								
37	Guteza imbere imyuga	Ishuri ryigisha imyuga rizatangizwa	Ishuri ryigisha imyuga rirahari	Hari amashuri 3 yigisha imyuga	Gutangiza ishuri ryigisha imyuga	NYAKANGA 2011-KAMENA 2011	RAPORO	200,000,000	WDA, UNITY CLUB,PSF
	2.3.5.Gufasha abaturage(Abakozi, abikorera…)kumenya indimi z'Icyongereza n'Igiswayire								
38	Gufasha abaturage(Abakozi, abikorera…) kwinjira muri EAC bamenya indimi zikoreshwa mu Karere	Ahantu 5 ho kwigishiriza indimi z' Igiswayire n'Icyongereza	Umubare w' ahazigishirizwa icyongereza n'Igiswayire	0	Gushyiraho ahantu 5 hazigishirizwa indimi zikoreshwa muri EAC (Igiswayire n' Icyongereza)	NYAKANGA 2011-KAMENA 2011	RAPORO	5,000,000	OWN REVENUE, AEE

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	II.4. GUFASHA ABATISHOBOYE								
39	Gukura abaturage mu bukene bukabije	Abaturage bo muri VUP bafashijwe kubona akazi ,imishinga yabo yahawe inguzanyo no kubona inkunga y'ingoboka	Umubare w'abahawe akazi,imishinga yahawe inguzanyo n'umubare w'imiryango yahawe inkunga y'ingoboka	•Abaturage 6445(abagore 3711, abagabo 2734) bahawe akazi muri gahunda ya VUP(PUBLIC WORKS),imiryango 2130 yahawe inkunga y'ingoboka(DIRECT SUPPORT) naho imishinga 1964 izaterwa inkunga(FINANCIAL SERVICE)	Abaturage 4000 bazahabwa akazi, ingo 1000 zizahabwa inkunga y'ingoboka,imishinga 1625 izahabwa inguzanyo	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	786,575,228	VUP,RLDSF
	III.IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA						**242,624,880**		
	III.1.UMUTEKANO								
	3.1.1.Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu								
40	Kubungabunga umutekano w'abantu n'ibintu	LD, CPCs n'anti GBV Clubs zahawe amahugurwa mu kunganira abaturage kwicungira umutekano wabo n'ibyabo	Umubare wa LD, CPCs n'abari muri anti GBV clubs bahuguwe	Muri buri murenge hagaragajwe ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano	Gutanga amahugurwa kuri LD 92, CPCs 536 n'abari muri komite za Anti GBV Clubs 92	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	13,000,000	OWN REV.

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
41	Gushyiraho amahuriro y' inkeragutabara	Amahuriro y'Inkeragutabara yashyizweho muri Centre z'ubucuruzi 6	Umubare w'amahuriro y' Inkeragutabara yashyizweho	Muri buri murenge hagaragajwe ibikorwa bishobora guhungabanya umutekano	Hazashyirwaho amahuriro 6 y'Inkeraguta-bara	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO no GUSURA IGIKORWA	2,500,000	OWN REV.
	III.2 UBUYOBOZI								
	3.2.1 Kwegera abaturage kubagira inama no gukurikirana ibikorwa byabo ku rwego rw'umuryango								
42	Kwegera abaturage no kubagira inama	Ikaye "umuhuza mu majyambere" igaragaza uko abayobozi basuye abaturage mu ngo n'inama babagira yashyizweho	Ikaye kuri buri muryango n' inama ubuyobozi bwagiriwe uwo muryango mu gihembwe	Iyi kayi isanzwe ikoreshwa	Buri rugo ruzaba rufite ikaye igaragaramo uko rwasuwe n'ubuyobozi n'inama rwagiriwe buri gihembwe	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO + GUSURA INYUBAKO	1,000,000	OWN REV
43	Kunoza imisoreshereze	Umubare w'amafaranga ava mu misoro n'amahoro wiyongereye	416,000,000 FRW yinjiye mu mwaka 2011-2012	360,000,000 RWF	Kwinjiza 416,000,000 FRW mu mwaka wa 2011-2012	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,960,000	OWN REV.
44	Guteza imbere umuco wo gukunda Igihugu	Itorero rirakora ku rwego rw'umudugudu kandi n'intore zaratojwe	Umubare w'imidugudu ifite Itorero n'umubare w'intore zatojwe	Hatojwe intore 896	Gutangiza Itorero ku midugudu 536 no gutoza intore 1000	NYAKANGA2011-KAMENA 2012	RAPORO	69,000,000	ITORERO

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
45	Gucunga neza umutungo wa Leta	Inama za PFM ku Karere no mu Mirenge zakozwe n'ibigo bya Leta byagiriwe inama ku micungire inoze y'umutungo wa Leta	Umubare w'Inama za PFM zakozwe	Ku Karere no mu mirenge hari komite za PFM zahuguwe ku micungire inoze y'umutungo wa Leta	Gukora inama ya PFM buri kwezi, gusura Ibigo bya Leta no kubigira inama ku micungire inoze y'umutungo wa Leta	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	4,000,000	OWN REV.
	3.2.9.Kubyaza umusaruro umuganda								
46	Kwitabira umuganda no kuwubyaza umusaruro	buri murenge uzaba ufite igikorwa ntangarugero 17 cyakozwe n'umuganda	umubare w'ibikorwa ntangarugero byakozwe n'umuganda w'abaturage	umuganda wa buri kwezi	Ibikorwa ntangarugero 17	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	3,000,000	OWN REV

NO	INTEGO (OBJECTIVE)	IKIGAMIJWE (OUTPUT)	IGIPIMO (INDICATOR)	INTANGIRIRO (BASELINE)	UMUHIGO (TARGET)	INGENGABIHE (TIME FRAME)	UBURYO BW' ISUZUMA (MOV)	INGENGO Y'IMARI BUDGET (RWF)	AHO RWF AZAVA (SOURCE OF FUNDS)
	III.3.UBUTABERA								
	3.3.3. TIG								
47	Gufasha abakatiwe TIG kurangiza igihano	Ingando 2 za TIG zakozwe	Umubare w'ingando za TIG zakozwe	Muri 2010-2011 Hakozwe Ingando 3 za TIG, Abatijisiti 916 nibo bazakora ingando muri 2011-2012	Hazakorwa ingando 2	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	149,664,880	OWN REV.
	3.3.4. Kurangiza Imanza								
48	Kurangiza imanza zaciwe n'inkiko	Kurangiza imanza zaciwe burundu	Ijanisha ry'imanza zaciwe burundu zizaba zarangijwe	501/510 (98,2%)	Hazarangizwa 100% by'imanza zaciwe burundu (ziriho kashi mpuruza kandi zashyikirijwe abahesha b'inkiko)	NYAKANGA 2011-KAMENA 2012	RAPORO	500,000	OWN REV
							IGITERANYO	**5,595,619,933**	

UMWANZURO

Ibikorwa biteganyijwemu mihigo y' uyu mwaka wa 2011-2012 bizagerwaho ku bufatanye bw'abafite uruhare mu iterambere ry'Akarere ka Nyamagabe, muri bo twavuga inzego za Leta, abafatanyabikorwa, abikorera, amakoperative n'abaturage muri rusange.

Ubuyobozi bw'Akarere buzahuza kandi bukurikirane ibikorwa bikubiye mu mihigo y'Imirenge, Utugari n'Imidugudu ari nako bwunganira izo nzego mu gushyira mu bikorwa ibyo ziyemeje.

Imihigo imaze guhindura ku buryo bugaragara imyumvire, imitekerereze, imikorere, ubukungu n'imibereho y'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe; ibi byubatse icyizere mu baturage, bikaba kandi ari ishingiro n' imbaraga zo gushyira mu bikorwa no kurangiza neza imihigo biyemeje muri uyu mwaka wa 2011-2012.